**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITIRI W'INTEBE**

# UBUTUMWA BUTURUTSE MU BIRO BYA MINISITIRI W'INTEBE BUJYANYE N'ICYOREZO CYA KORONAVIRUSI (COVID-19)

Mu rwego rwo kwirinda no gukumira icyorezo cya Koronavirusi gikomeje gukwirakwira mu bihugu bitandukanye by'Isi;

Guverinoma y'u Rwanda imaze iminsi yarashyizeho itsinda rishinzwe gusesengura no gukurikirana uko Igihugu cyacu kiteguye gukumira no guhangana n'icyo cyorezo;

Hashingiwe ku isesengura ryagaragajwe n'iryo tsinda, Guverinoma y'u Rwanda iramenyesha abaturarwanda ibi bikurikira:

- Kugeza uyu munsi, nta cyorezo cya Koronavirusi kiragaragara mu Rwanda.
- U Rwanda rwashyizeho ingamba zo gukumira no guhangana n'iki cyorezo.
- Icyakora, dukurikije ubukana bw'iki cyorezo n'uburyo gikomeje guhitana umubare munini w'abantu ku isi, turasaba abanyarwanda kutirara no gukurikiza inama zo kwirinda iki cyorezo zitangwa n'inzego zitandukanye.

Tuboneyeho umwanya wo kwibutsa ko iyi virusi yandura ku buryo bwihuse, cyane cyane aho abantu benshi bateraniye binyuze mu matembabuzi aturuka mu guhumeka, mu gukorora no kwitsamura, ndetse ikaba yahererekanwa binyuze mu gukora ku muntu uyirwaye cyane cyane mu kuramukanya abantu bahana ibiganza.

Ni muri urwo rwego Abaturarwanda basabwa ibi bikurikira:

- Kwirinda kuramukanya abantu bahana ibiganza cyangwa bahoberana;
- Kugabanya ingendo zitari ngombwa mu bihugu byagaragayemo iki cyorezo;
- Kwirinda gukororera cyangwa kwitsamurira iruhande rw'abandi;
- Gukaraba intoki hakoreshejwe amazi asukuye n'isabune cyangwa ubundi buryo bwo gusukura intoki (hand sanitizer);
- Kwirinda kwegera abandi igihe cyose warwaye ibicurane, inkorora cyangwa ufite umuriro mwinshi;
- Kwitabaza inzego z'ubuzima zikwegereye igihe ufite kimwe muri ibi bimenyetso: ibicurane, umuriro, umunaniro n'inkorora ijyana no kubabara mu muhogo.

Inzego z'ubuzima n'izindi nzego za Leta, zirakomeza kubagezaho ingamba zijyanye no gukomeza gukumira no guhangana n'iki cyorezo.

**Bikorewe i Kigali, ku wa 06 Werurwe 2020.**

**Dr. Edouard Ngirente**

**Minisitiri w'Intebe**

PRIME MINISTER